**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha | | Urubanza N$^{o}$: | MICT-12-01 |
| | | Itariki: | 6 Kanama 2025 |
| | | Umwimerere: | Icyongereza |

**PEREZIDA WA IRMCT**

| | |
|---|---|
| **Umucamanza:** | **Graciela Gatti Santana, Perezida** |
| **Gerefiye:** | **Abubacarr M. Tambadou** |
| **Itariki:** | **6 Kanama 2025** |

*INYANDIKO ITARI IBANGA*

# ITEGEKO RISHYIRAHO UMUCAMANZA W'IZAMU KU ISHAMI RY'ARUSHA KUVA MU UKWAKIRA 2025 KUGERA MURI WERURWE 2026

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE, GRACIELA GATTI SANTANA**, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**MAZE KUBONA KO**, mu nyungu z'ubutabera no mu rwego rwo gukorera mu mucyo, Perezida atanga itegeko rishyiraho Umucamanza w'izamu amutoranyije ku irisite y'Abacamanza b'Ishami rya IRMCT ry'Arusha, waboneka igihe cyose akenewe kugira ngo afate icyemezo nk'Umucamanza umwe rukumbi[1];

**NIBUTSA KANDI** Itegeko ryo ku itariki ya 3 Werurwe 2025, aho nashyizeho Umucamanza w'izamu ku Ishami ry'Arusha kuva muri Mata 2025 kugera muri Nzeri 2025[2];

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12(2) ya Sitati no ku Ngingo ya 23(A) n'iya 28 z'Amategeko;

**NSHYIZEHO** Abacamanza bakurikira nk'Abacamanza b'izamu ku Ishami ry'Arusha kuva mu Ukwakira 2025 kugera muri Werurwe 2026[3]:

Ukwakira 2025: Joseph E. Chiondo Masanche

Ugushyingo 2025: William H. Sekule

Ukuboza 2025: Vagn Joensen

Mutarama 2026: Joseph E. Chiondo Masanche

Gashyantare 2026: William H. Sekule

Werurwe 2026: Vagn Joensen

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 6 Kanama 2025, [Umukono]

Arusha, muri Tanzaniya.

Graciela Gatti Santana

Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**

[1] Nk'urugero, reba Itegeko rishyiraho Umucamanza w'izamu ku Ishami ry'Arusha kuva muri Mata 2025 kugera muri Nzeri 2025, 3 Werurwe 2025 ("Itegeko ryo ku itariki ya 3 Werurwe 2025"), paje ya 1. Reba n'Ingingo ya 12(2) ya Sitati ya IRMCT ("Sitati"); Ingingo ya 28 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT ("Amategeko").
[2] Itegeko ryo ku itariki ya 3 Werurwe 2025, paje ya 1.
[3] Iyi ngengabihe ishobora guhindurwa igihe bibaye ngombwa kandi nyuma yo kubijyaho inama n'Abacamanza bireba. Nihagira igihinduka kuri iyi ngengabihe, hazatangwa itegeko ryerekeranye n'izo mpinduka, vuba bishoboka.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT